



Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°26/2017:

Taliki ya 11–20 Nzeri 2017

Ryoherejwe kuwa 22 Nzeri 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Nzeri_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigereranyo cy'iyari isanzwe iboneka mu bice hafi ya byose by'igihugu; uretse mu burasirazuba bwo hagati habonetse imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka.
- o Amashusho y'icyogajuru yerekana iyongera ku bubobere bw'ubutaka (kubera imvura yabonetse ari nyinshi mu gice cya 2 cya Nzeri_2017) ndetse n'igabanuka mu majyaruguru y'igihugu (kubera igabanuka ku mvura yabonetse mu gice cya kabiri ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Nzeri_2017)
- o **21-31_Nzeri_2017**; hateganyijwe **imvura iri ku kigereranyo gisanzwe**; ikazaboneka hose mu Rwanda ariko ikiyongera cyane mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya 2 cya Nzeri_2017


I. Iriburiro

Mu gice cya kabiri cya Nzeri_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyagaragaje ko iyo mvura iri ku kigereranyo cy'iyari isanzwe iboneka mu bice hafi ya byose by'igihugu; uretse mu burasirazuba bwo hagati (ku bupimiro bwa Kawangire) habonetse imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka

- a) Imbonerahamwe zikurikira zirerekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 11-20_Nzeri_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Nze ri_2017	11-20_N zeri
Kigali	25.1	25.5
Rusizi (Kamembe)	42.1	35.6
Rubavu (Gisenyi)	45.9	38.6
Nyamagabe (Gikongoro)	16.1	26.7
Ngoma (Kibungo)	25.6	23.3
Gicumbi (Byumba)	46.5	50.6
Bugarama	15.3	23.9
Musanze (Ruhengeri)	37.8	35.6
Gitega	21.2	21.4
Rubengera	39.6	25.6
Byimana	11.7	22.1
Kawangire	38.8	19.8
Nyagatare	18.3	12.7





Igishushanyo I

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 11-20_Nzeri_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Nzeri_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Nzeri_2017

Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Nzeri



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Nzeri_2017

Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Nzeri




II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Nzeri_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 11-20_Nzeri_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigereranyo cy'iyari isanzwe iboneka mu bice hafi ya byose by'igihugu; uretse mu burasirazuba bwo hagati habonetse imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Nzeri_2017; cyagaragaje mu bice by'amajyaruguru habonetse imvura nyinshi bitewe n'ihuriro ry'imiyaga itanga imvura; yavaga mu majyaruguru ya Afurika yerekeza mu gace u Rwanda ruherereyemo (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu gice cya 2 cya Nzeri_2017; amashusho y'icyogajuru yerekana iyongera ku bubobere bw'ubutaka (kubera imvura yabonetse ari nyinshi mu gice cya 2 cya Nzeri_2017) ndetse n'igabanuka mu majyaruguru y'igihugu (kubera igabanuka ku mvura yabonetse mu gice cya kabiri ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Nzeri_2017; reba **Ikarita 5&6**)

Mu gice cya 3 cya Nzeri_2017; hateganijwe imvura izaboneka hose mu gihugu iri ku kigero cy'iyari isanzwe ihaboneka muri ayo mataliki; ndetse n'ubwiyongere mu ngano ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya kabiri cya Nzeri_2017 (cyane mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba bw'igihugu)

Abahinzi bakaba basabwa gufata neza amazi y'imvura hagamijwe kongera umusaruro

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Nzeri_2017

Hateganijwe imvura iziyongera cyane mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba bw'igihugu muri iki gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Nzeri: imvura hose mu gihugu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)